A <u>Kugeza agakiza ku bandi</u>.

- ❖ Imana yiyerekana mu buryo bwinshi:
  - — Binyuze mu murimo w'Umwuka Wera (Ibyakozwe 5:32)
  - — Binyuze mu byaremwe (Zaburi 19:1)
  - — Binyuze mu bihe bidasanzwe n'ibitangaza (1 Ngoma 16:12)
  - — Binyuze mu mibereho n'umurimo bya Yesu (Yohana 1:18)
- ❖ N'ubwo Imana ishobora gukoresha izo nzira zose, yaduhisemo ngo tubwire abandi inama y'agakiza.
- ❖ Ishaka ko abamaze kwakira Agakiza bakabwira abandi. Ishaka ko dusangiza abandi icyo twakiriye, ngo nabo bagire amahirwe yo kwakira ubugingo buhoraho (Matayo 10:8; Yakobo 5:20).

B <u>Gushimisha Imana</u>.

- ❖ Mbese waba warigeze wibaza uburyo Imana yumva uburibwe, umubabaro n'akarengane byazanywe n'icyaha muri iyi si? (Yeremiya 13:17).
- ❖ Iyo umutima wugururiwe Agakiza, abamarayika batera hejuru bishimye, kandi Imana iririmbana ibyishimo (Luka 15: 7; Zefaniya 3:17).
- ❖ Mbese ni iki cyaba cyiza, cyakunyura, kuruta kumenya ko ubuhamya bwawe buzana umunezero mu mutima w'Imana mu isi y'umubabaro?

C <u>Gukura</u>.

- ❖ Nk'uko twabivuze mbere, Imana ifite uburyo bwinshi bwo kwiyerekana. Nyamara, n'igihe yiyerekanye imbona-nkubone, buri gihe ihuza abo yiyeretse n'abandi bantu. Urugero, murebe ibyabaye kuri Pawulo na Koruneliyo, (Ibyakozwe 9:3-6; 10:1-6).
- ❖ Kubwiriza Ubutumwa Bwiza ni umugisha kuri twe. Dushobora gukura mu bya mwuka kandi tukishimana na Kristo iyo abantu bamwakiriye.

D <u>Kumvira itegeko rya Yesu</u>.

- ❖ Imana ntishaka ko "hagira n'umwe urimbuka, ahubwo ishaka ko bose bihana." (2 Petero 3:9).
- ❖ Mu mateka, Imana yatoranije abagabo n'abagore (2 Pet 2:5; Itang. 12:1-3), amahanga (Yesaya 49:6) n'amoko (Ibyak. 1:8) ngo bamamaze Agakiza.
- ❖ Itorero riramutse ritakobwe cyangwa rigapfobya itegeko rya Kristo byaba ari uguhusha impamvu yo kubaho kwaryo no guhusha umuhamagaro waryo wo guhanura isi.

E <u>Kubw'urukundo</u>.

- ❖ Urukundo rwa Yesu rwatumye Pawulo akwirakwiza Ijambo ry'Imana ku isi yose kuva igihe yamenyeye ko Yesu yatangiye ubugingo bwe kumukiza.
- ❖ Guhamya ni igisubizo cyuje urukundo ku rukundo rw'Imana.
- ❖ "Abenshi bo muri bene Data bari mu Mwami Yesu bakarushaho gutinyuka no kuvuga Ubutumwa Bwiza […] bakabivugishwa n'umutima ukunze […] babivugishijwe n'urukundo. " (Abafilipi 1: 14-16).